P.C

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 23/7 1997

N° 817/21.00

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

Ku bayobozi b'inzego
z'imirimo (bose)

D. Culture

**IMPAMVU: GUKORESHA INGENGO Y'IMARI YA 97.**

Muyobozi,

Umwaka ugeze hagati, ingengo y'imari y'uyu mwaka ntiratorwa n'Inteko Ishinga Amategeko; ariko ntibibuza imirimo gukorwa.

Icyagaragaye n'uko mu mwaka ushize amafaranga menshi yari yarateganijwe atakoreshejwe kubera impamvu eshatu:

- Kutabonekera igihe muri budget na MINIFIN kubera impamvu zinyuranye
- Imikurikiranire ya dossiers mu nzira zicamo igaragaramo intege nke nazo zishingiye kubintu bitandukanye
- Abayobozi bazarira mu gusabo no mu gukurikirana ibyagenewe imirimo yabo. !! No muri division.

Kudakoresha ingengo y'Imari yasabwe rimwe na rimwe bishobora gusobanura gusaba ikintu utaz'icyo ugisabira.

Niyo mpamvu nsabye nkomeje ko ibyo byahinduka. Kugirango bihinduke, ibi bikurikira bigomba kubahirizwa kandi bigashyirwa mu bikorwa:

Tél. 8 35 12, 8 35 13, 8 35 40

Fax. 8 35 18

1. Kugeza mu biro bya Minisitiri inyandiko igaragaza kuri buri buyobozi, amafarang'amaze gukoreshwa, asigaye ugereranije n'ayemewe kuri buri gahunda.

2. Kwerekana ingengabihe (chronogramme) y'ibyo muteganya gukora, amafarang'acyenewe n'uko muteganya kuyasaba muri budget.

3. Ibi bigomba kuba byageze mu biro bya Minisitiri bitarenze taliki ya 10/8/97.

Imirimo myiza.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha ~~Imyuga~~
Icririse
Dr. Yakobo BIHOZAGARA

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse, des Sports de la Culture et de la Formation Professionnelle

BIMENYESHEJWE:
Umunyamabanga Mukuru muri
MIJESCAFOP